<p>Gihugu;</p> <p>9° gushishikariza Abanyarwanda cyane cyane urubyiruko umuco wo gusoma;</p> <p>10° gutanga ibitekerezo ku buryo bwatuma Abaturarwanda b'ingeri zose bitabira imikino;</p> <p>11° gukora indi mirimo yose yasabwa na Komite Nyobozi, Biro Politiki na Kongere y'Igihugu by'Ishyaka.</p> <p><u>Ingingo ya 31: Inshingano za Komisiyo y'Ubutabera, Ubumwe n'Ubwiye</u></p> <p>1° gutanga ibitekerezo byatuma Abanyarwanda barushaho</p>	<p>help members access, easily and quickly, all the information relating to the Party;</p> <p>4° to work out strategies likely to help the press in Rwanda develop further so as to be useful to all Rwandan citizens, especially those living in rural areas;</p> <p>5° to contribute ideas on ways and means to improve the freedom of the press;</p> <p>6° to carry out any other task as may be assigned by Executive Committee, the Political Bureau and the National Congress of the Party.</p>	<p>9° préparer le règlement régissant le personnel du Parti;</p> <p>10° préparer le rapport annuel des activités du Parti;</p> <p>11° renforcer les capacités des membres du Parti à tous les ni</p> <p><u>Article 46: Attributions du Secrétaire Général Adjoint chargé</u></p> <p>Le Secrétaire Général adjoint chargé du Genre a les attributions s</p> <p>1° il est chargé, en particulier, des questions liées au genre ;</p> <p>2° il assiste le Secrétaire Général;</p> <p>3° il remplace le Secrétaire Général lorsque celui-ci est abs</p> <p>4° il s'acquitte de toute autre tâche que les organes du Parti</p>
--	---	--

<p>gusabana;</p> <p>2° gutanga ibitekerezo bigamije guteza imbere ubutabera kuri bose;</p> <p>3° gutanga ibitekerezo birebana no guteza imbere uburenganzira bwa muntu mu Gihugu;</p> <p>4° gukumira icyo ari cyo cyose cyahungabanya ubumwe bw'Abanyarwanda;</p> <p>5° gukora indi mirimo yose yasabwa na Komite Nyobozi, Biro Politiki na Kongere y'Igihugu by'Ishyaka.</p> <p><u>Ingingo ya 32:Uburyo abagize Komisiyo zihoraho za Biro Politiki bajyaho</u></p> <p>Abagize Komisiyo zihoraho bajyaho mu buryo bukurikira:</p>	<p><u>Article 29: Responsibilities of the Economic and Financial Commission</u></p> <p>1° to analyse the economic situation of the Country and contribute ideas on means and ways likely to improve it;</p> <p>2° to work out an appropriate plan to increase economic production in the Country;</p> <p>3° to contribute ideas on National development plans;</p> <p>4° to contribute ideas and analyse the benefits which the Country derives from the economic organisations or forums it has adhered to and how those benefits could be shared by all Rwandans;</p> <p>5° to show how Rwandan citizens could become the source and the</p>	<p><u>Article 47: Attributions du Secrétaire Général Adjoint chargé de la Jeunesse</u></p> <p>Le Secrétaire Général adjoint chargé de la Jeunesse a les attributions suivantes:</p> <p>1° il est chargé, en particulier, des questions de la Jeunesse;</p> <p>2° assister le Secrétaire Général;</p> <p>3° il remplace le Secrétaire Général lorsque le Secrétaire Général du Genre est absent;</p> <p>4° s'acquitter de toute autre tâche que les organes du Parti p</p> <p><u>Article 48: Attributions du Trésorier Général</u></p> <p>Le Trésorier Général a les attributions suivantes:</p> <p>1° il est chargé de la mobilisation des ressources financières et de la perception de cotisations des membres;</p>
--	---	---

<p>1° buri muyoboke uri muri Biro Politiki yiyandikisha muri Komisiyo imwe;</p> <p>2° Komite Nyobozi igenzura aho abayoboke biyandikishije ikemeza abagize Komisiyo ikurikije ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1) icyifuzo cya buri muyoboke; 2) umubare w'abagize buri Komisiyo; 3) ibyo Komisiyo ihoraho ishinzwe; 4) ubumenyi bw'umuyoboke mu bijyanye n'ibyo Komisiyo ishinzwe; 5) uburambe bw'umuyoboke mu mirimo ijyanye n'ibyo Komisiyo ishinzwe ; 6) ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo. 	<p>centre of development;</p> <p>6° to examine and analyse anything likely to increase the patrimony and the finances of the Party and improve their management;</p> <p>7° to carry out any other task as may be assigned by Executive Committee, the Political Bureau and the National Congress of the Party.</p> <p><u>Article 30: Responsibilities of the Commission of Education, Sports and Culture</u></p> <p>1° to examine and analyse strategies to be put in place to improve the quality of education;</p> <p>2° to follow up all the activities relating to education in the Country;</p> <p>3° to work out ways and means to</p>	<p>2° il est chargé de préparer le budget et de suivre de près so</p> <p>3° il est chargé de la bonne gestion de toutes les ressources</p> <p>4° il est l'un des signataires des comptes du Parti;</p> <p>5° percevoir, gérer et suivre de près régulièrement le paiement</p> <p>6° gérer les dossiers bancaires ainsi que tous les autres d</p> <p>Parti;</p> <p>7° soumettre aux organes supérieurs du Parti le rapport</p> <p>ressources du Parti;</p> <p>8° faire le bilan financier annuel.</p> <p><u>Article 49: Convocation des réunions du Comité Exécutif</u></p> <p>La réunion du Comité Exécutif est convoquée et dirigée par le Pr</p> <p>est convoquée au moins cinq (5) jours avant sa tenue. Lorsque le</p> <p>absent , la réunion est convoquée et dirigée par l'un des Représen</p> <p>Parti selon leur ordre de préséance.</p> <p>L'invitation doit parvenir à tous les membres du Comité en uti</p> <p>de communication possibles.</p>
--	---	--

<p>Nyuma y'imyaka itanu (5), umuyoboke ubyifuzza ashobora guhindura Komisiyo. Kwiyandikisha muri Komisiyo no kwemeza abagize Komisiyo bikurikiza ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.</p> <p><u>Ingingo ya 33: Biro ya Komisiyo n'itorwa ryayo</u></p> <p>Buri Komisiyo igira Biro yayo igizwe na Perezida, Visi-Perezida n'Umunyamabanga. Perezida, Visi-Perezida n'Umunyamabanga ba buri Komisiyo batorwa na bagenzi babo bagize Komisiyo, umwe ukwe n'undi ukwe, ku bwinganze burunduye bw'amajwi.</p> <p>Iyo nta n'umwe mu biyamamaje wabonye ubwiganze busabwa, itora risubirwamo, ubwiganze busesuye bukaba ari bwo bukoreshwa.</p>	<p>harmonise both school education and civic education;</p> <p>4° to work out a plan to develop school programs focusing on science, technology, arts and handicrafts;</p> <p>5° to work out ways and means to harmonize school programs and the labour market;</p> <p>6° to encourage the youth to adhere to the culture of patriotism;</p> <p>7° to contribute ideas to development projects that would mainly target unemployed youth;</p> <p>8° to encourage the youth to get involved in sports and other leisure activities legally recognized in the Country;</p>	<p>L'invitation doit préciser ce qui suit:</p> <p>1° la date de la réunion;</p> <p>2° l'heure et le lieu de la réunion;</p> <p>3° l'ordre du jour de la réunion.</p> <p>En cas de besoin, les Ministres et les Secrétaires d'Etat, les Sénateurs au Parlement et son Adjoint et le Président du Comité chargé du Parti et de la discipline de ses membres sont invités à la réunion mais n'ont qu'une voix consultative.</p> <p><u>Article 50: Réunions du Comité Exécutif et prise des décisions</u></p> <p>La réunion du Comité Exécutif se tient lorsque au moins quatre (4) membres sont présents. La réunion du Comité Exécutif se tient une (1) fois chaque fois que de besoin. Elle prend les décisions par consensus. Si le consensus n'est pas atteint, la question sous examen est reportée à la prochaine réunion nouvelle fois dans une réunion ultérieure.</p> <p>Le Comité Exécutif présente son rapport au Bureau Politique.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 34: Itumizwa ry'inama za Komisiyo za Biro Politiki</u></p> <p>Inama ya Komisiyo ya Biro Politiki itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo. Itumizwa hasigaye nibura iminsi itanu (5) kugira ngo ibe.</p> <p>Iyo Perezida adahari, itumizwa kandi ikayoborwa na Visi Perezida. Iyo bombi badahari, inama itumizwa n'Umunyamabanga, nawe yaba adahari igatumizwa n'umuyobohe urusha abandi imyaka y'amavuko mu bayigize.</p> <p>Ubutumire bugomba kugezwa ku bayigize bese hakoreshejwe uburyo bwose bushoboka ngo babimenye.</p> <p>Mu butumire hagomba kugaragara ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° itariki y'inama; 2° isaha n'aho inama izabera; 3° ibiri ku murongo w'ibyigwa. 	<p>9° to encourage Rwandans, especially the youth, to adopt the culture of reading;</p> <p>10° to contribute ideas on ways and means to help Rwandans from all age groups get involved in sport activities;</p> <p>11° to carry out any other task as may be assigned by Executive Committee, the Political Bureau and the National Congress of the Party.</p> <p><u>Article 31: Responsibilities of the Commission of Justice, Unity and Reconciliation</u></p>	<p><u>Sous-section 4: Chefs de file du Parti au Parlement</u></p> <p><u>Article 51: Election et mandat des Chefs de file au Parlement</u></p> <p>Le Chef de file et le Chef de file adjoint au Parlement sont élus par le Parlement de chaque législature du Parlement. Ils sont élus pour un mandat de (2,5), renouvelable.</p> <p><u>Article 52: Attributions du Chef de file au Parlement</u></p> <p>Le Chef de file au Parlement a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° aider ses pairs à bien remplir leurs responsabilités conformément aux principes fondamentaux du Parti ; 2° en cas de besoin, discuter avec les chefs de file des Comités Nationaux Politiques sur toutes les questions soumises à l'attention du Parlement ; 3° réunir les Parlementaires issus du Parti, une fois par trimestre en cas de besoin ; 4° Conseiller et réconcilier régulièrement les membres du Parlement;
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 35: Iterana ry'inama za Komisiyo</u></p> <p>Inama ya Komisiyo iterana nibura babiri (2) mu bagize Biro yayo bahari.</p> <p>Inama ya Komisiyo iterana nibura rimwe (1) mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.</p> <p>Imyanzuro ya Komisiyo ishyikirizwa Komite Nyobozi.</p> <p><u>Ingingo ya 36: Manda y'abagize Biro ya Komisiyo n'uko basimburwa</u></p> <p>Manda y'abagize Biro ya Komisiyo ni igihe cy'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa.</p>	<p>1° to contribute ideas likely to help Rwandans better get together;</p> <p>2° to contribute ideas aimed at promoting universal justice;</p> <p>3° to contribute ideas with a view to improving human rights in the Country;</p> <p>4° to prevent anything likely to jeopardize national unity;</p> <p>5° to carry out any other task as may be assigned by Executive Committee, the Political Bureau and the National Congress of the Party.</p> <p><u>Article 32: Appointment of the members of the permanent</u></p>	<p>5° s'acquitter de toute autre tâche de nature à aider les membres à bien remplir leurs responsabilités.</p> <p><u>Article 53: Attributions du Chef de file adjoint au Parlement</u></p> <p>Le Chef de file adjoint au Parlement a les attributions suivantes:</p> <p>1° assister et remplacer le Chef de file lorsqu'il est absent ;</p> <p>2° s'acquitter de toute autre tâche de nature à aider les membres à bien remplir leurs responsabilités.</p> <p><u>Sous-Section 5: Comité chargé du fonctionnement du Parti et de la discipline de ses membres</u></p> <p><u>Article 54: Attributions du Comité chargé du fonctionnement et de la discipline de ses membres</u></p> <p>Le Comité a les attributions suivantes:</p> <p>1° donner des idées et expliquer les lois et règlements du Parti;</p> <p>2° révenir et résoudre les problèmes de mésentente des membres.</p>
--	--	---

<p>Biro ya Komisiyo cyangwa se umwe mu bagize Biro ashobora gusimburwa bisabwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Komisiyo. Mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uherye igihe bisabwe, inama yiga kuri icyo kibazo itumizwa na Perezida cyangwa Visi-Perezida ba Komisiyo bitewe n'usimburwa.</p> <p>Mu gihe Perezida na Visi-Perezida bagomba gusimburwa cyangwa se ugomba gusimburwa adashobora gutumiza inama, icyo gihe itumizwa kandi ikayoborwa n'Umunyamabanga, nawe ataboneka igatumizwa kandi ikayoborwa n'umuyobohe mukuru mu myaka y'amavuko mu batanze icyo cyifuzo.</p> <p>Uko gusimburwa gukorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) kuva Komisiyo ifashe icyemezo,</p>	<p>Commissions of the Political Bureau</p> <p>The members of permanent commissions shall be appointed as follows:</p> <p>1° each member of the Political Bureau registers with one Commission;</p> <p>2° the Executive Committee checks the Commissions which members have registered with, based on the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1) each member's choice; 2) the number of Commission members; 3) the responsibilities of the permanent Commission chosen; 4) member's knowledge in relation to the responsibilities of the Commission chosen; 	<p>les membres et d'autres personnes;</p> <p>3° suivre de près, donner des recommandations sur les décisions avec le non respect des Statuts, du Règlement d'Ordre et des instructions du Parti;</p> <p>4° surveiller la discipline des membres en vue de leur éparpillement et leurs erreurs;</p> <p>5° évaluer la performance des représentants du Parti et des administrations du Pays;</p> <p>6° encourager les membres en conflit à se réconcilier;</p> <p>7° aider les membres blâmés pour manque de discipline à trouver leur chemin;</p> <p>8° conseiller les organes chargés d'administrer les sanctions;</p> <p>9° promouvoir l'unité au sein des organes du Parti.</p> <p><u>Article 55: Membres du Bureau du Comité</u></p> <p>Le Bureau compte cinq (5) membres représentant chaque Province et la Capitale Kigali.</p>
--	---	---

<p>bigakorwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 33 y'iri Tegeko Ngengamikorere.</p> <p><u>Ingingo ya 37: Inshingano za Perezida wa Komisiyo</u></p> <p>Perezida wa Komisiyo ashinzwe:</p> <p>1° gutumiza no kuyobora inama ya Komisiyo;</p> <p>2° gushyikiriza Komite Nyobozi na Biro Politiki Raporo y'ibyakozwe;</p> <p>3° guhagararira Komisiyo mu nama zitandukanye;</p> <p>4° gukora indi mirimo asabwe n'inzego z'Ishyaka.</p> <p><u>Ingingo ya 38: Inshingano za Visi Perezida wa Komisiyo</u></p> <p>Visi Perezida wa Komisiyo ashinzwe:</p>	<p>5) member's experience in the activities relating to the responsibilities of the Commission ;</p> <p>6) the principle of gender equality.</p> <p>After five (5) years, a member, who so wishes, may change and move to another Commission.</p> <p>Registering with a Commission and approving Commission members follow the provisions of the first paragraph of this article.</p> <p><u>Article 33: Commision Bureau and its election</u></p> <p>Each Commission shall have its own Bureau that is comprised of the Chairperson, the Vice-Chairperson, and</p>	<p>Ils sont élus par le Conseil provincial ou de la Ville de Kigali e Exécutif et au Bureau Politique pour approbation.</p> <p>Après leur approbation, les membres du Comité élisent un Bureau</p> <p><u>Article 56: Attributions du Président du Comité</u></p> <p>Le Président du Comité a les attributions suivantes :</p> <p>1° suivre et coordonner toutes les activités du Comité;</p> <p>2° représenter le Comité dans les autres organes ;</p> <p>3° présenter le rapport du Comité aux organes de prise de décision</p> <p><u>Article 57: Attributions du Vice-Président du Comité</u></p> <p>Le Vice-Président du Comité est chargé de:</p> <p>1° assister et aider le Président à remplir ses responsabilités</p> <p>2° remplacer le Président lorsqu'il est absent ;</p> <p>3° s'acquitter de toute autre tâche que le Comité pourrait lui confier</p>
--	---	--

<p>1° gufasha Perezida mu nshingano ze;</p> <p>2° gusimbura Perezida igihe adahari;</p> <p>3° gukora indi mirimo asabwe na Komisiyo.</p> <p><u>Ingingo ya 39: Inshingano z'Umunyamabanga wa Komisiyo</u></p> <p>Umunyamabanga wa Komisiyo ashinzwe:</p> <p>1° gufasha no gusimbura Perezida na Visi Perezida igihe badahari;</p> <p>2° gukora raporo y'inama ya Komisiyo no kubika inyandiko zayo;</p> <p>3° gukora indi mirimo asabwe na Komisiyo.</p>	<p>the Secretary. The Chairperson, the Vice-Chairperson, and the Secretary of each Commission shall be elected separately by their colleagues in the Commission, at the absolute majority of votes.</p> <p>Where none of the candidates gets the required majority, the voting exercise shall be repeated, and the simple majority shall be used.</p> <p><u>Article 34: Convening of the meetings of the Commissions of the Political Bureau</u></p> <p>The meeting of a Commission of the Political Bureau shall be convened and chaired by its Chairperson. It shall be convened at least five (5) days before it is held.</p> <p>Where the Chairperson is absent, the</p>	<p><u>Article 58: Attributions du Secrétaire du Comité</u></p> <p>Le Secrétaire du Comité a les attributions suivantes:</p> <p>1° suivre de près et gérer tous les dossiers du Comité;</p> <p>2° faire le procès-verbal des réunions ;</p> <p>3° archiver les dossiers du Comité ;</p> <p>4° préparer les documents de travail des réunions ;</p> <p>5° s'acquitter de toute autre tâche que le Comité pourrait lui</p> <p><u>Article 59 : Convocation des réunions du Comité</u></p> <p>La réunion du Comité est convoquée et dirigée par son Président au moins quinze (15) jours avant sa tenue. Lorsque le Président est convoquée et dirigée par le Vice –Président.</p> <p>L'invitation doit parvenir à tous les membres en utilisant de toutes les communications possibles pour les en informer.</p>
--	---	--

<p><u>Akiciro ka 3: Komite Nyobozi</u></p> <p><u>Ingingo ya 40: Inshingano za Komite Nyobozi</u></p> <p>Komite Nyobozi y'Ishyaka ni urwego rushinzwe imirimo yose y'Ishyaka kandi ikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'inzego z'Ishyaka.</p> <p><u>Ingingo ya 41: Abagize Komite Nyobozi</u></p> <p>Komite Nyobozi y'Ishyaka igizwe n'aba bakurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° Perezida w'Ishyaka; 2° Visi - Perezida wa mbere; 3° Visi - Perezida wa kabiri; 4° Umunyamabanga Mukuru; 5° Umunyamabanga Mukuru wungiriye ushinzwe Uburinganire; 6° Umunyamabanga Mukuru 	<p>meeting shall be convened and chaired by the Vice-Chairperson. Where both are absent, the meeting is convened by the Secretary, and if the latter is also held up, the meeting shall be convened by the oldest person among Commission members.</p> <p>The invitation should be served to all commission members using all possible means of Communication to inform them.</p> <p>The invitation should give the following informations:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° the date of the meeting; 2° the time and venue of the meeting; 3° the agenda of the meeting. <p><u>Article 35: Meeting of Commissions</u></p> <p>The meeting of the Commission convenes when at least two (2) of the members of its Bureau are present.</p>	<p>L'invitation doit préciser ce qui suit :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° la date de la réunion ; 2° l'heure et le lieu de la réunion ; 3° l'ordre du jour de la réunion. <p><u>Article 60: Réunions et prise des décisions du Comité</u></p> <p>La réunion du Comité se tient lorsqu'au moins trois (3) de ses membres sont présents. Lorsque le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée et est renouvelée une nouvelle fois de la même manière que la première réunion avait été tenue. Elle examine uniquement les points déjà inscrits à l'ordre du jour. Elle se tient une (1) fois par trimestre et chaque fois que de besoin. Elle prend les décisions par consensus, et à défaut, les décisions à la majorité absolue de ses membres.</p> <p><u>Article 61: Présentation des rapports</u></p> <p>Le Comité prépare le rapport annuel de ses activités et de sa performance et la discipline des représentants du Parti dans les branches. Les rapports sont présentés au Comité Exécutif qui les transmet au Comité Politique.</p>
--	---	---

<p>wungirije ushinzwe Urubyiruko; 7° Umubitsi Mukuru.</p> <p><u>Ingingo ya 42: Inshingano za Perezida w’Ishyaka</u></p> <p>Perezida w’Ishyaka afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° ahagararira Ishyaka imbere y’amategeko kandi akaba n’umuvugizi waryo;</p> <p>2° ashinzwe ibibazo bikuru bya politiki, iby’imishyikirano n’Inzego Nkuru z’ubutegetsi, n’ibyerekeranye n’ububanyi n’amahanga;</p> <p>3° atumiza kandi akayobora inama za Kongere y’Igihugu, Biro Politiki, Komite Nyobozi n’Inama Ngishwanama;</p> <p>4° ashyira mu bikorwa ibyemezo bya Kongere y’igihugu, Biro</p>	<p>The meeting of the Commission convenes at least once (1) in three months and whenever the need arises.</p> <p>The decisions of a Commission shall be submitted to the Executive Committee.</p> <p><u>Article 36: The term of office of the members of the Bureau of the Commission and their replacement</u></p> <p>The term of office of the members of the Bureau of the Commission is five (5) years, and is renewable.</p> <p>The Bureau of the Commission or one of its members may be replaced at the request of the two thirds (2/3) of its members. In a period not exceeding fifteen (15) days from the date of</p>	<p><u>Section 6: Conseil Consultatif</u></p> <p><u>Article 62 : Attributions générales</u></p> <p>Le Conseil Consultatif est un organe chargé de donner des avis sur les sujets portés à l’ordre du jour du Bureau Politique ou sur toute autre question soumise à l’examen du Parti. Il se réunit une (1) fois par trimestre en cas de besoin.</p> <p><u>Article 63: Membres du Conseil Consultatif</u></p> <p>Le Conseil Consultatif est constitué des membres suivants:</p> <p>1° Les membres du Comité Exécutif;</p> <p>2° Les Ministres et les Secrétaires d’Etat;</p> <p>3° Les Sénateurs;</p> <p>4° Les Députés;</p> <p>5° Les présidents des Commissions;</p> <p>6° Les présidents des Comités provinciaux ou de la Ville de Kigali;</p> <p>7° Le Président du Comité chargé du fonctionnement du Parti et un de ses membres,</p> <p>8° Les Gouverneurs de Province et le Maire de la Ville de Kigali.</p>
--	--	---

<p>Politiki na Komite Nyobozi;</p> <p>5° ahuza ibikorwa bya Komite Nyobozi y'Ishyaka;</p> <p>6° afite ububasha bwo guhagarika by'agateganyo ibyemezo byafashwe n'inzego z'Ishyaka iyo bigaragara ko byafashwe mu buryo bunyuranyije n'amahame ndetse n'amategeko agenga Ishyaka.</p> <p><u>Ingingo ya 43: Inshingano za Visi-Perezida wa mbere</u></p> <p>Visi- Perezida wa mbere afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° afasha Perezida mu mirimo y'Ishyaka;</p> <p>2° ni umwe mu bashyira umukono wabo kuri Konti z'Ishyaka;</p> <p>3° ni Umwungiriza wa mbere w'uhagarariye Ishyaka,</p>	<p>request, the meeting to examine that issue is convened by the Chairperson or the Vice-Chairperson of the Commission according the person to be replaced.</p> <p>Where both the Chairperson and the Vice-Chairperson must be replaced or if the person to be replaced cannot convene the meeting, then the meeting is convened and chaired by the Secretary and if the Secretary is also held up, the meeting is convened and chaired by the oldest among Commission members who made the request.</p> <p>This replacement shall be made in a period not exceeding thirty (30) days from the time the decision is made by the Commission, following the</p>	<p>9° Les Secrétaires Permanents ;</p> <p>10° Les Secrétaires Exécutifs des Commissions ;</p> <p>11° Les Maires et les Vice-Maires des Districts.</p> <p><u>Article 64: Convocation de la réunion du Conseil Consultatif</u></p> <p>La réunion du Conseil Consultatif est convoquée et dirigée par le Parti est absent, elle est convoquée et dirigée par l'un des Représentants du Parti selon leur ordre de préséance.</p> <p>L'invitation doit parvenir à tous les membres en utilisant tous les modes de communication possibles pour les en informer.</p> <p>L'invitation doit préciser ce qui suit:</p> <p>1° la date de la réunion;</p> <p>2° l'heure et le lieu de la réunion;</p> <p>3° l'ordre du jour de la réunion.</p> <p><u>Article 65: Réunions du Conseil Consultatif</u></p>
--	---	---

<p>ashinzwe ku buryo bw'umwihariko ibibazo by'amatwara y'Ishyaka n'ibibazo byerekeranye n'imitegekere y'Igihugu;</p> <p>4° ni Umuvugizi w'Ishyaka;</p> <p>5° asimbura Perezida iyo adahari.</p> <p><u>Ingingo ya 44: Inshingano za Visi-Perezida wa kabiri</u></p> <p>Visi- Perezida wa kabiri afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° afasha Perezida mu mirimo y'Ishyaka;</p> <p>2° ni Umwungiriza wa kabiri w'uhagarariye Ishyaka, ashinzwe ku buryo bw'umwihariko ibyerekeranye n'imibereho myiza y'abaturage n'Iterambere;</p>	<p>provisions of article 33 of these Internal Rules and Regulations.</p> <p><u>Article 37: Responsibilities of the Chairperson of the Commission</u></p> <p>The Chairperson of the Commission shall have the following duties and responsibilities:</p> <p>1° to convene and chair the meeting of the commission;</p> <p>2° to submit the activity report to the Executive Committee and the Political Bureau;</p> <p>3° to represent the Commission in various meetings;</p> <p>4° to carry out any other task as may be assigned by the organs of the Party.</p> <p><u>Article 38: Responsibilities of the Vice- Chairperson of the Commission</u></p>	<p>Le Conseil Consultatif se tient et délibère légitimement lorsque ses membres sont présents. Elle se tient une (1) fois par trimestre besoin.</p> <p>Lorsque le quorum n'est pas atteint pour la première fois, la réunion convoquée une nouvelle fois de la même manière que la première convoquée.</p> <p>Dans ce cas, la réunion examine uniquement les points déjà inscrits et fait les recommandations sans tenir compte du nombre des participants à la réunion. Les recommandations sont émises par consensus.</p> <p><u>Section 2: Fonctionnement des organes du Parti au niveau de la Ville de Kigali et au niveau des instances de base</u></p> <p><u>Sous-section première Fonctionnement des organes du Parti au niveau de la Province ou de la Ville de Kigali</u></p>
---	--	---

<p>3° ni Umuvugizi w'Ishyaka; 4° asimbura Perezida iyo Visi Perezida wa mbere adahari.</p> <p><u>Ingingo ya 45: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru</u></p> <p>Umunyamabanga Mukuru afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gukurikiranira hafi inyandiko z'inama no gukora raporo ya Komite Nyobozi;</p> <p>2° ni Umuvugizi w'Ishyaka, kandi akaba ashinzwe guhuza ibikorwa by'Ishyaka;</p> <p>3° kugenzura imikorere y'inzego zose z'Ishyaka;</p> <p>4° ni umwe mu bashyira umukono wabo kuri konti z'Ishyaka;</p> <p>5° kubika inyandiko zose z'Ishyaka;</p>	<p>The Vice-Chairperson of the Commission shall have the following duties and responsibilities:</p> <p>1° to help the Chairperson fulfill his duties;</p> <p>2° to replace the Chairperson when he is absent;</p> <p>3° to carry out any other task as may be assigned by the Commission.</p> <p><u>Article 39: Responsibilities of the Secretary of Commission</u></p> <p>The Secretary of the Commission shall have the following responsibilities:</p> <p>1° to assist and replace the Chairperson and the Vice Chairperson when they are absent;</p> <p>2° to draft the minutes of the</p>	<p><u>Article 66: Convocation de la réunion du Conseil au niveau Ville de Kigali</u></p> <p>La réunion ordinaire du Conseil provincial ou de la Ville de Kigali est présidée par son Président. Elle est convoquée quinze (15) jours avant sa tenue. Lorsque le Président est absent, elle est convoquée et dirigée par son Vice-Président. L'invitation doit parvenir à tous les membres en utilisant tous les moyens de communication possibles pour les en informer. L'invitation doit spécifier ce qui suit:</p> <p>1° la date de la réunion;</p> <p>2° l'heure et le lieu de la réunion;</p> <p>3° l'ordre du jour de la réunion.</p> <p><u>Article 67: Réunion du Comité provincial ou de la Ville de Kigali et prise des décisions</u></p> <p>Le Comité provincial ou de la Ville de Kigali se tient et délibère à la majorité absolue de ses membres sont présents. Il se réunit une (1) fois les (6) six mois, et il peut se réunir en cas de besoin sur décision de son Président lorsqu'il y a urgence.</p>
---	---	--

<p>6° gukurikirana no kugenzura imirimo ya buri muni y'Ishyaka;</p> <p>7° gushakira Ishyaka abakozi no kubayobora mu mirimo yabo ya buri muni;</p> <p>8° gukurikirana imirimo ya buri muni y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ishyaka;</p> <p>9° gutegura amategeko agenga abakozi b'Ishyaka;</p> <p>10° gutegura raporo ya buri mwaka y'ibikorwa by'Ishyaka;</p> <p>11° kubaka ubushobozi bw'abayoboke b'Ishyaka ku nzego zose.</p> <p><u>Ingingo ya 46 : Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru Wungirije ushinzwe Uburinganire</u></p>	<p>meetings of the Commission and archive its documents;</p> <p>3° to carry out any other task as may be assigned by the Commission.</p> <p><u>Sub-Section 3: Executive Committee</u></p> <p><u>Article 40: Responsibilities of the Executive Committee</u></p> <p>The Executive Committee of the Party is the organ entrusted with overseeing all the activities of the Party and monitoring the implementation of the decisions taken by the organs of the Party.</p> <p><u>Article 41: Members of the Executive Committee</u></p> <p>The Executive Committee shall be comprised of the following members:</p> <p>1° The Chairperson of the Party;</p> <p>2° The First Vice – Chairperson;</p>	<p>orsque le quorum n'est pas atteint pour la première fois, la réunion convoquée une nouvelle fois de la même manière que la première convoquée.</p> <p>Dans ce cas la réunion examine uniquement les points déjà inscrits et prend les décisions quel que soit le nombre des membres présents.</p> <p>La réunion prend les décisions à la majorité absolue des membres. Elle rend son rapport au Comité Exécutif du Parti.</p> <p><u>Article 68: Convocation de la réunion du Comité de Province de Kigali</u></p> <p>La réunion du Comité de Province ou de la Ville de Kigali est convoquée par le Président. Elle est convoquée au moins quinze (15) jours avant la réunion.</p> <p>Lorsque le Président est absent, la réunion est convoquée et présidée par le Président.</p>
--	---	---

<p>Umunyamabanga Mukuru wungirije ushinzwe Uburinganire afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° ashinzwe ku buryo bw’umwihariko ibibazo by’ubwuzuzanye bw’abagore n’abagabo ;</p> <p>2° gufasha Umunyamabanga Mukuru;</p> <p>3° asimbura Umunyamabanga Mukuru iyo adahari;</p> <p>4° gukora indi mirimo yose yasabwa n’inzego z’Ishyaka.</p> <p><u>Ingingo ya 47: Inshingano z’Umunyamabanga Mukuru wungirije ushinzwe Urubiruko</u></p> <p>Umunyamabanga Mukuru wungirije</p>	<p>3° The Second Vice –Chairperson;</p> <p>4° The Secretary General;</p> <p>5° The Deputy Secretary General in charge of Gender;</p> <p>6° The Deputy Secretary General in charge of the Youth ;</p> <p>7° The Treasurer General.</p> <p><u>Article 42: Responsibilities of the Chairperson of the Party</u></p> <p>The Chairperson of the Party shall have the following responsibilities:</p> <p>1° to be the Legal Representative and the Spokesperson of the Party;</p> <p>2° he is in charge of major political problems, negotiations with the highest administrative institutions, and major issues</p>	<p>L’invitation doit parvenir à tous les membres en utilisant communication possibles.</p> <p>L’invitation doit préciser ce qui suit:</p> <p>1° la date de la réunion;</p> <p>2° l’heure et le lieu de la réunion;</p> <p>3° l’ordre du jour de la réunion.</p> <p><u>Article 69: Réunion et prise de décisions du Comité de Province de Kigali</u></p> <p>Le Comité de la Province ou de la Ville de Kigali se réunit une fois (2) mois et chaque fois que de besoin lorsqu’au moins deux (2) membres sont présents.</p> <p>Lorsque ce quorum n’est pas atteint, la réunion est reportée jusqu’à ce que le quorum soit atteint.</p> <p>Les décisions sont prises par consensus des membres présents à la réunion.</p> <p>Le rapport de la réunion est soumis et présenté au Comité Exécutif</p>
--	---	---

<p>ushinzwe Urubyiruko afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° ashinzwe by’umwihariko ibibazo by’Urubyiruko;</p> <p>2° gufasha Umunyamabanga Mukuru;</p> <p>3° asimbura Umunyamabanga Mukuru iyo Ushinzwe Uburinganire adahari;</p> <p>4° gukora indi mirimo yose yasabwa n’inzego z’Ishyaka.</p> <p><u>Ingingo ya 48: Inshingano z’Umubitsi Mukuru</u></p> <p>Umubitsi Mukuru afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gushaka imari y’Ishyaka, cyane cyane kwinjiza imisanzu y’abayoboqe;</p> <p>2° gutegura ingengo y’imari no gukurikirana imikoreshereze</p>	<p>relating to foreign affairs;</p> <p>3° he convenes and chairs the meetings of the National Congress, the Political Bureau, the Executive Committee and the Consultative Council;</p> <p>4° he implements the decisions of the National Congress, the Political Bureau and the Executive Committee;</p> <p>5° he coordinates the activities of the Executive Committee of the Party;</p> <p>6° he has the power to suspend the implementation of the decisions taken in contradiction with the principles, Statutes and regulations governing the Party.</p> <p><u>Article 43: Responsibilities of the</u></p>	<p>ne dépassant pas quinze (15) jours après la fin de la réunion.</p> <p><u>Sous-section 2: Fonctionnement des organes du Parti au niveau</u></p> <p><u>Article 70: Convocation du Congrès de District</u></p> <p>Le Congrès de District est convoqué par le Président du Parti au niveau provincial ou de la Ville de Kigali. Le Président dirige également la réunion du Congrès sauf lorsque le Comité exécutif est absent. Le Comité délégué dirige également la réunion du Congrès lorsque le Comité exécutif est absent.</p> <p>Le Congrès de District est convoqué au moins quinze (15) jours avant la réunion. Si le Président est absent, la réunion du Congrès est convoquée par le Comité délégué. Lorsque celui-ci est également absent, le Congrès de District est convoqué par le Président du Parti au niveau provincial ou de la Ville de Kigali.</p> <p>L’invitation doit parvenir à tous les membres du Congrès en utilisant les modes de communication possibles pour les en informer.</p> <p>L’invitation doit préciser ce qui suit:</p> <p>1° la date de la réunion;</p> <p>2° l’heure et le lieu de la réunion;</p> <p>3° l’ordre du jour de la réunion.</p>
---	---	--

<p>yayo;</p> <p>3° gucunga neza umutungo wose w'Ishyaka;</p> <p>4° ni umwe mu bashyira umukono wabo kuri Konti z'Ishyaka;</p> <p>5° kwakira, gucunga no gukurikirana buri gihe uko imisanzu y'abayoboke itangwa;</p> <p>6° gucunga impapuro za banki n'izindi zirebana n'umutungo w'Ishyaka;</p> <p>7° gutanga raporo ku nzego nkuru z'Ishyaka ku mikoreshereze y'umutungo;</p> <p>8° gukora ifoto y'umutungo ya buri mwaka.</p> <p><u>Ingingo ya 49: Itumizwa ry'inama za Komite Nyobozi</u></p> <p>Inama ya Komite Nyobozi itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida w'Ishyaka. Itumizwa nibura hasigaye</p>	<p>First Vice-Chairperson</p> <p>The First Vice-Chairperson has the following responsibilities:</p> <p>1° o assist the Chairperson in the activities of the Party;</p> <p>2° he is one of the signatories of the accounts of the Party;</p> <p>3° he is the first Deputy Legal Representative of the Party, in particular, he is in charge of the problems relating to the ideology of the Party and the administration of the Country;</p> <p>4° he is the spokesperson of the Party;</p> <p>5° he replaces the Chairperson when the latter is absent.</p> <p><u>Article 44: Responsibilities of the Second Vice- Chairperson</u></p>	<p><u>Article 71: Réunion et modalités de prise de décisions du Co</u></p> <p>Le Congrès de District se tient lorsque la majorité absolue présents. Il se réunit une (1) fois par an. Il peut se réunir en se chaque fois que de besoin sur décision du Président du Comit tiers (1/3) de ses membres.</p> <p>Lorsque le quorum n'est pas atteint pour la première fois, le Co convoqué une nouvelle fois de la même manière que le premier</p> <p>Dans ce cas, il examine uniquement les points déjà inscrits à l'or les décisions quel que soit le nombre des membres présents.</p> <p>Le Congrès de District prend les décisions à la majorité absolue au Congrès.</p> <p>Le rapport du Congrès de District est présenté au Comité Exécut Comité provincial ou de la Ville de Kigali.</p>
---	--	---

<p>imini itanu (5) kugira ngo ibe.</p> <p>Iyo Perezida w’Ishyaka adahari, inama itumizwa kandi ikayoborwa n’umwe mu Bavugizi b’Ishyaka uko bakurikirana mu myanya yabo.</p> <p>Ubutumire bugomba kugezwa ku bayigize bose hakoreshejwe uburyo bwose bushoboka ngo babimenye.</p> <p>Mu butumire hagomba kugaragara ibi bikurikira:</p> <p>1° itariki y’inama;</p> <p>2° isaha n’aho inama izabera;</p> <p>3° ibiri ku murongo w’ibyigwa.</p> <p>Iyo bibaye ngombwa inama ya Komite Nyobozi itumirwamo Abaminisitiri n’Abanyamabanga ba Leta, Abasenateri, Umuhwituzi n’Umuhwituzi wungirije bo mu Nteko Ishinga Amategeko, na Perezida wa Komite ishinzwe imikorere y’Ishyaka</p>	<p>The Second Vice- Chairperson has the following responsibilities:</p> <p>1° to assist the Chairperson in the activities of the Party;</p> <p>2° he is the second Deputy Legal Representative of the Party, in particular, he is in charge of social affairs and development;</p> <p>3° he is the spokesperson of the Party;</p> <p>4° he replaces the Chairperson when the First Vice-Chairperson is absent.</p> <p><u>Article 45: Responsibilities of the Secretary General</u></p> <p>The Secretary General has the following responsibilities:</p> <p>1° to closely follow up the</p>	<p><u>Article 72: Convocation de la réunion du Comité de District</u></p> <p>La réunion du Comité de District est convoquée et dirigée par le Président.</p> <p>Lorsque le Président est absent, la réunion est convoquée et dirigée par le Vice-Président.</p> <p>L’invitation doit parvenir à tous les membres en utilisant les moyens de communication possibles.</p> <p>L’invitation doit préciser ce qui suit:</p> <p>1° la date de la réunion;</p> <p>2° l’heure et le lieu de la réunion;</p> <p>3° l’ordre du jour de la réunion.</p> <p><u>Article 73: Réunion et prise de décisions du Comité de District</u></p>
---	---	---

<p>n'imyitwarire y'Abayoboke, ariko bakagira gusa ijwi ngishwanama.</p> <p><u>Ingingo ya 50: Iterana ry'inama za Komite Nyobozi n'uko ibyemezo bifatwa</u></p> <p>Inama ya Komite Nyobozi iterana hari nibura bane (4) mu bayigize.</p> <p>Inama ya Komite Nyobozi iterana rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa, igafata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse icyemezo kirasubikwa, kikazongera kuganirwaho mu yindi nama.</p> <p>Komite Nyobozi ishyikiriza raporo yayo Biro Politiki.</p> <p><u>Akiciro ka 4: Abahwituzi b'Ishyaka mu Nteko Ishinga Amategeko</u></p> <p><u>Ingingo ya 51: Uko Abahwituzi batorwa na manda yabo</u></p>	<p>working documents for meetings and draft the report of the Executive Committee ;</p> <p>2° he is the spokesperson of the Party, and is also entrusted with coordinating the activities of the Party;</p> <p>3° to oversee the functioning of all the organs of the Party;</p> <p>4° he is one of the signatories of the accounts of the Party;</p> <p>5° to archive all the documents of the Party;</p> <p>6° to monitor and oversee the daily activities of the Party;</p> <p>7° to recruit staff for the Party and supervise their daily work;</p> <p>8° to follow up, on a daily basis, the activities of the Executive Secretary of the Party;</p>	<p>Le Comité de District se réunit une (1) fois tous les deux (2) mois de besoin lorsqu'au moins trois (3) de ses membres sont présents. Si le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée jusqu'à ce que le quorum soit atteint.</p> <p>Les décisions sont prises par consensus des membres présents à la réunion.</p> <p>Le rapport de la réunion est soumis au Comité du Parti au niveau du District de Kigali dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours après la réunion.</p> <p>Une copie du rapport est transmise au Comité Exécutif du Parti.</p> <p><u>Article 74: Convocation de la réunion du Comité chargé du suivi de la discipline de ses membres au niveau du District</u></p> <p>La réunion du Comité est convoquée et dirigée par le Président. Elle doit avoir lieu quinze (15) jours avant sa tenue.</p> <p>Lorsque le Président est absent, la réunion est convoquée et dirigée par le Vice-Président.</p> <p>L'invitation doit parvenir à tous les membres en utilisant tous les moyens de communication possibles pour les en informer.</p>
--	---	--

<p>Abahwituzi bagizwe n'Umuhwituzi n'Umuhwituzi wungirije, batorwa na bagenzi babo mu ntangiriro ya buri manda y'Inteko Ishinga Amategeko. Batorerwa manda y'imyaka ibiri n'igice (2,5), kandi bashobora kongera gutorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 52: Inshingano z'Umuhwituzi mu Nteko Ishinga Amategeko</u></p> <p>Umuhwituzi afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gufasha bagenzi be kuzuza neza inshingano zabo bashingiye ku mategeko y'Igihugu n'amahame remezo by'Ishyaka;</p> <p>2° igihe bibaye ngombwa, kuganira n'abandi bahwituzi b'indi Mitwe ya Politiki, ku kibazo cyose kiganirwa mu Nteko Ishinga Amategeko;</p>	<p>9° to draft staff regulations for Party employees;</p> <p>10° to draft the annual report of the Party;</p> <p>11° to build the capacity of Party members at all levels.</p> <p><u>Article 46 : Responsibilities of the Deputy Secretary General in charge of Gender</u></p> <p>The Deputy Secretary General in charge of Gender has the following responsibilities:</p> <p>1° he is, particularly, in charge of gender issues ;</p>	<p>L'invitation doit préciser ce qui suit:</p> <p>1° la date de la réunion;</p> <p>2° l'heure et le lieu de la réunion;</p> <p>3° l'ordre du jour de la réunion.</p> <p>Cependant, pour des raisons majeures, la réunion peut être co-utilisant tous les moyens de communication possibles.</p> <p><u>Article 75: Réunion et prise des décisions du Comité chargé du Parti et de la discipline de ses membres au niveau de District.</u></p> <p>Le Comité se réunit au moins une (1) fois par trimestre et chaque fois qu'il y a un besoin lorsqu'au moins deux (2) de ses membres sont présents. Si le quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée jusqu'à ce qu'il soit atteint.</p> <p>Le Comité prend les décisions par consensus et présente son rapport au Parti au niveau de District et au Comité chargé du fonctionnement et de la discipline de ses membres au niveau national et en transmet copie au niveau provincial ou de la Ville de Kigali.</p>
--	---	---

<p>3° guhuza rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa Abagize Inteko Ishinga Amategeko b'Ishyaka ;</p> <p>4° kugira inama, guhwitura no kunga abayoboke b'Ishyaka bari mu Nteko Ishinga Amategeko;</p> <p>5° gukora undi murimo wose watuma Abagize Inteko Ishinga Amategeko barangiza inshingano zabo neza.</p> <p><u>Ingingo ya 53: Inshingano z'Umuhwituzi wungirije mu Nteko Ishinga Amategeko</u></p> <p>Umuhwituzi wungirije afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° afasha kandi agasimbura umuhwituzi iyo adahari;</p> <p>2° akora undi murimo wose watuma Abagize Inteko Ishinga Amategeko barangiza inshingano zabo neza.</p>	<p>2° to assist the Secretary General;</p> <p>3° to replace the Secretary General when he is absent;</p> <p>4° to carry out any other task as may be assigned by the organs of the Party.</p> <p><u>Article 47: Responsibilities of the Deputy Secretary General in charge of Youth</u></p> <p>The Deputy Secretary General in charge of Youth has the following attributions:</p> <p>1° he is, particularly, in charge of Youth issues;</p>	<p><u>Sous Section 3: Fonctionnement des organes du Parti au niveau du Secteur</u></p> <p><u>Article 76: Convocation de la réunion du Congrès de Secteur</u></p> <p>La réunion du Congrès de Secteur est convoquée et dirigée par le Vice-président. Elle est convoquée au moins quinze (15) jours avant sa tenue. Lorsque la réunion est convoquée et dirigée par le Vice-président.</p> <p>L'invitation doit parvenir à chaque membre en utilisant les moyens de communication possibles pour l'en informer.</p> <p>L'invitation doit préciser ce qui suit:</p> <p>1° la date de la réunion;</p> <p>2° l'heure et le lieu de la réunion;</p> <p>3° l'ordre du jour de la réunion.</p> <p><u>Article 77: Réunion du Congrès de Secteur et prise de décision</u></p> <p>Le Congrès de Secteur se tient valablement lorsque la majorité des membres sont présents.</p>
---	---	--

<p><u>Akiciro ka 5: Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'Abayoboke</u></p> <p><u>Ingingo ya 54: Inshingano za Komite ishinzwe imikorere y'Ishyaka n'imyitwarire y'Abayoboke</u></p> <p>Komite ifite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gutanga ibitekerezo no gusobanura amategeko y'Ishyaka;</p> <p>2° gukumira no gukemura ibibazo by'ubwumvikane buke hagati y'abayoboke ubwabo cyangwa hagati y'abayoboke n'abandi;</p> <p>3° gukurikirana, gutanga imyanzuro ku byemezo byafatwa ku bibazo bijyanye no kutubahiriza Itegeko Shingiro, Itegeko Ngenamikorere</p>	<p>2° to assist the Secretary General;</p> <p>3° to replace the Secretary General when the Deputy Secretary General in charge of Gender is absent;</p> <p>4° to carry out any other task as may be assigned by Party organs.</p> <p><u>Article 48: Responsibilities of the Treasurer General</u></p> <p>The Treasurer General has the following responsibilities:</p> <p>1° o mobilise the finances of the Party, especially by collecting members' contributions;</p> <p>2° to prepare the budget and monitor its execution;</p>	<p>Il se réunit une (1) fois par semestre et chaque fois que de besoin.</p> <p>Lorsque le quorum n'est pas atteint, pour la première fois, le Comité est convoqué une nouvelle fois de la manière que le premier avait été convoqué.</p> <p>Dans ce cas, il examine uniquement les points déjà inscrits à l'ordre du jour et prend les décisions quel que soit le nombre des membres présents.</p> <p>Les décisions sont prises à la majorité absolue des membres présents.</p> <p>Son rapport est soumis au Comité du Parti au niveau du District.</p> <p><u>Article 78: Convocation de la réunion du Comité de Secteur</u></p> <p>La réunion du Comité de Secteur est convoquée et dirigée par le Président. Elle est convoquée au moins quinze (15) jours avant sa tenue. Lorsque le Président n'est pas présent, la réunion est convoquée et dirigée par le Vice-Président.</p> <p>L'invitation doit parvenir à chaque membre en utilisant les moyens de communication possibles pour l'en informer.</p> <p>L'invitation doit préciser ce qui suit:</p>
---	--	--

<p>n'amabwiriza by'Ishyaka;</p> <p>4° gukurikirana imyitwarire y'abayoboke hagamijwe kubarinda amakosa;</p> <p>5° gusuzuma imikorere y'abahagarariye Ishyaka mu nzego z'Ubutegetsi;</p> <p>6° gushishikariza ubwumvikane ku bayoboke bafitanye ibibazo;</p> <p>7° gufasha kugaruka mu nzira nziza uwanenzwe kubera imyitwarire ye;</p> <p>8° kugira inama inzego zitanga ibihano;</p> <p>9° kubumbatira ubumwe bw'Ishyaka mu nzego z'ayo zose.</p> <p><u>Ingingo ya 55:</u> Abagize Biro ya Komite</p> <p>Komite igizwe n'abayoboke batanu (5) bahagarariye buri Ntara n' Umujiyi wa Kigali.</p>	<p>3° to properly manage all the patrimony and the finances of Party;</p> <p>4° he is one of the signatories of the accounts of the Party;</p> <p>5° to receive, manage and regularly monitor the payment of member's contributions;</p> <p>6° to keep bank documents and any other documents relating to the patrimony and financial documents of the Party;</p> <p>7° to submit the report to all the superior organs of the Party on the use of the finances of the Party.</p> <p>8° to prepare the annual financial report.</p> <p><u>Article 49:</u> Convening of the meetings of the Executive Committee</p>	<p>1° la date de la réunion;</p> <p>2° l'heure et le lieu de la réunion;</p> <p>3° l'ordre du jour de la réunion.</p> <p><u>Article 79:</u> Réunion du Comité de Secteur et modalités de prise des décisions</p> <p>Le Comité de Secteur se réunit une (1) fois par trimestre et chaque fois que moins de deux (2) de ses membres sont présents. Lorsque le quorum n'est pas atteint la réunion est reportée jusqu'à ce que le quorum soit atteint.</p> <p>Les décisions sont prises par consensus des membres présents à la réunion.</p> <p>Le rapport est transmis au Comité du Parti au niveau du District.</p> <p><u>Article 80:</u> Fonctionnement du Comité chargé du fonctionnement et de la discipline de ses membres au niveau du Secteur.</p> <p>La réunion du Comité est convoquée et dirigée par le Président. Elle doit être convoquée au moins quinze (15) jours avant sa tenue.</p> <p>Lorsque le Président est absent, la réunion est convoquée et dirigée par le Vice-Président. Le Comité se réunit au moins une (1) fois par trimestre.</p>
---	---	--

